REB | RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

# Kanani n'utunyange



Icapwa rya kabiri

Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**

REB | RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda

Ntikigurishwa

Inkuru yo mu kiciro 3 cya gatatu cyo gusoma

# Kanani n'utunyange



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa

**ANDIKA RWANDA 2019**

Inkuru yo mu kiciro 3 cya gatatu cyo gusoma

ABAYO Keza Joyeuse, yanditse iyi nkuru afite imyaka 10, yiga mu mwaka wa 5 w'amashuri abanza, mu Kigo cy'Amashuri cya Nyagisenyi, Akarere ka Huye, Intara y'Amajyepfo. Iyi nkuru ye, KANANI N'UTUNYANGE, ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.


© 2023 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa mbere ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa kabiri ku nkunga ya Banki y'Isi.



Utunyange twiberaga mu ishyamba.
Twabanaga mu mahoro tugahora dukina.



Twitegerezaga ibyiza bitatse u Rwanda.
Tukitegereza ibimera n'inyamaswa.
Tukitegereza kandi amazu, imisozi n'ibindi.



Umunsi umwe, utu tunyange twarakinaga.
Twakiniraga mu mashami y'igiti.
Twaririmbaga duseka tunezerewe cyane.



Haza kunyura umwana witwa Kanani.
Kanani uwo yari inkubaganyi cyane.



Kanani arahagarara, yitegereza twa tunyange.
Maze atangira gutoragura amabuye.



Atera utunyange amabuye atubuza amahoro.
Twose dutangira  kuguruka  duhunga.



Uko ateye amabuye akangiza ibiti.
Amababi n'indabo bigahunguka.



Haza kunyura umubyeyi uvuye mu murima.
Yitegereza ibyo Kanani akora.



Aramwegera, amusaba kurekeraho.
Amubuza kongera kwangiza ibidukikije.



Amusobanurira akamaro k’amashyamba.
Ati: “Atuma duhumeka umwuka mwiza.
Akanakurura imvura.”



Yongeraho ko amababi y'ibiti avamo imiti.
Anamubwira ko imizi ifata ubutaka.
Bikaburinda gutwarwa n'isuri.



Yamubwiye kandi akamaro k'inyamaswa.
Zikurura ba mukerarugendo.
Maze bakinjiza amadovize.



Ikindi inyoni zidushimisha zituririmbira.
Mu gitondo ziratubyutsa.
Bityo bigatuma tudakererwa.



Kanani yumvise izo nama aramushimira.
Amwizeza ko atazongera.
Nuko uwo mubyeyi amusezeraho.



Kuva ubwo Kanani yisubiyeho.
Ibyo bigaragarira buri wese.
Atera ibiti ku kayira kajya iwabo.



Mu gitondo yavomereraga ibyo biti.
Yarangiza akajya ku ishuri.
Nimugoroba akongera akabivomerera.



Ibiti Kanani yateye, byari bitohagiye.
Twa tunyange tukaza kubikiniramo.
Kanani yatubona bikamushimisha cyane.



Kanani agira na bagenzi be inama.
Bose biyemeza kubungabunga ibidukikije.